Kwitabira Inama z'Akanama gashinzwe Uburezi kw'Abaturage

Ingingo Rusange

Akanama gashinzwe Uburezi gaha agaciro kwitabara kw'abaturage kandi kanamenya akamaro k'ibitekerezo by'abaturage ku bibazo bigira ingaruka ku muryango mugari, Akanama gashinzwe uburezi ndetse n'Ibigo by'Amashuri ya Leta bya Albuquerque (Albuquerque Public Schools). Aya mabwiriza ngengamikorere yemejwe kugira ngo hagereranywe akamaro k'ubwitabire bw'abaturage hamwe n'izindi ntego, zirimo ariko zitagarukira gusa ku:

- Gukora ku buryo abagize umuryango mugari wose bafite amahirwe yumvikana mu kugararagariza ibitekerezo byabo akanama
- Kuzuza imirimo y'akanama ku buryo bukwiye, bwuzuye kandi buri kuri gahunda
- Kubahiriza uburenganzira bw'abagize akanama, abakozi b'ifasi y'amashuri, abanyeshuri n'abari mu nama

Imyitwarire myiza ikwiye n'ibiteganywa n'aya mabwiriza ngengamikorere byitezweho gukurikizwa mu nama zose z'abaturange z'Akanama gashinzwe Uburezi.

Muri buri nama Isanzwe y'Akanama gashinzwe Uburezi itumiwemo buri wese hashingiwe ku biri ku rutonde rw'ibyigwa mu nama, abaturage bashobora gutanga ibitekerezo ku Kanama gashinzwe Uburezi, birimo kwizigama kutarenze urugero. Igihe inama y'Akanama gashinzwe Uburezi iri kuba, "leta ishobora kudategeka ikurwamo ry'amagambo…hashingiwe ku byavuzwemo keretse iyo ibibijijwe birenze urugero ku buryo bigomba gukurikiranwa." [*Sandefur v. Vill. of Hanover Park, Ill.,* 862 F. Supp. 2d 840 at 846 (N.D. Ill. 2012)] Nyamara, Akanama gashinzwe Uburezi kemerewe "gushyiraho ibibujijwe ku gihe, ahantu n'uburyo bikagomba kuba ibirimo ntawe byibasira, biteguye ku buryo burambuye ku buryo bigira icyo byungura gisabwa na leta ndetse n'izindi nzira z'itumanaho nyinshi zikaba zihari." [*Sandefur,* 862 F. Supp. 2d 840 at 846; *Ward v. Rock Against Racism,* 491 U.S. at 791] Igitekerezo kiba kihishe inyuma y'ibyo bibujijwe nuko "guhungabanya imyitwarire y'ituze ryo mu nama y'abaturage ari kimwe mu bintu bibi cyane [leta] iba igomba kwirinda." [*Collinson v. Gott,* 895 F.2d 994, 1000 (4th Cir.1990)]

Nubwo atari ihame rusange, igitekerezo cyatanzwe mu ruhame, cyifitemo aho kigomba kugarukira, gishobora kwemerwa mu nama idasanzwe cyangwa ya komite y'Akanama Gashinzwe Uburezi mu bubasha bwa komite nyobozi.

Ibibujijwe n'Akanama gashinzwe Uburezi ku myitwarire ibereye, ibiranga umuntu n'ibitekerezo byo mu ruhame bisobanurwa muri aya mabwiriza ngengamikorere.

Kwiyandikishiriza gutangira igitekerezo mu ruhame bitangira saa 8:00 za mugitondo ku munsi w'inama Isanzwe y'Akanama gashinzwe Uburezi kandi bihita birangira inama ikimara gutangira.. Kwiyandishiriza gutanga igitekerezo cyo mu ruhame bikorerwa ku ifishi yo kuri enterineti ku bashyitsi bose bitabira imbone nkubone no mu buryo bw'iyakure. Abashyitsi bakeneye ubufasha bwo kwiyandikishiriza kuri enterineti bashobora kuza imbone nkubone mbere y'uko inama itangira. Ku mpamvu zakwihanganirwa, abakozi b'Ibiro bya Serivisi z'Akanama Gashinzwe Uburezi bashobora kwiyandikisha mu mwanya w'abantu bashaka gufata ijambo.

Igihe cyo gutanga ibitekerezo byo mu ruhame ntikigomba kurenza iminota mirongo ine n'itanu (45) kuri buri nama Isanzwe y'Akanama gashinzwe Uburezi. Perezida w'akanama, cyangwa

uyoboye inama, afite uburenganzira bwo kugabanya igihe cyo kuvuga ku bantu bashaka kugeza ibitekerezo ku kanama ntibarenze iminota (2). Bitewe n'umubare w'abiyandikishirije kuzafata ijambo mu gihe cyo gutanga ibitekerezo mu ruhame, perezida w'akanama, cyangwa uyuboye inama, ashobora kugabanya igihe buri muntu ugomba kuvuga yemerewe kugira ngo ahe umwanya abandi batange ibitekerezo. Abagomba abagomba gufata ijambo bazwi ntibahererekanya umwanya wabo wo kuvuga n'abandi cyangwa ngo bashyireho ababahagararira. Iyo ufata ijambo atakiri mu cyumba cy'inama igihe yari yagenewemo umwanya, ufata ijambo aba atesheje agaciro umwanya we cyangwa amahirwe ye yo guhabwa ijambo kandi abuzwa guhererekanya igihe cye ku wundi muntu. Amatsinda yifuza kuvuga ibitekerezo byayo ahitamo umuntu umwe ufata ijambo uhagararira itsinda ryayo mu gutanga ibitekerezo mu kanama. Igihe mu bushishozi bwa perezida w'Akanama cyangwa umuyobozi w'inama, ugaragaye ko:

- Ko abantu benshi bari mu nama bifuza gutanga igitekerezo kimwe cyangwa bisa, perezida w'akanama cyangwa umuyobozi w'inama ashobora guha umwanya umwe muri bo akabwira ibitekerezo bye akanama mu mwanya w'itsinda; cyangwa
- Ufata ijambo ari gusubiramo ibitekerezo, undi wafashe ijambo yatanze, perezida w'akanama cyangwa umuyobozi w'inama ashobora guha umwanya undi ufata ijambo ukurikiyeho mbere y'uko igihe cy'uwafashe ijambo kirangira.

Ibiranga Umunyamuryango w'Akanama gashinzwe Uburezi

Itegeko rigenga Inama zidaheza muri Leta ya New Mexico ribuza ibiganiro bitangirwa mu ruhame ku banyamuryago b'itsinda ku kintu cyose kitavuzwe ku murongo w'ibyigwa w'inama y'Akanama gashinzwe Uburezi. Ni ukuvuga, Abagize Akanama k'Uburezi bafata igitekerezo cyatanzwe mu ruhame nk'igihe cyo kumva ibitekerezo by'abitabiriye inama y'Akanama gashinzwe Uburezi. Igitekerezo cyo mu ruhame ntaba ari ugufungurira urubuga rw'ibiganiro ufata ijambo. Igitekerezo cyo mu ruhame ntaba ari igihe ku munyamuryango w'akanama cyo gusubiza ibibazo ufata ijambo yabajije cyangwa igitekerezo ku mbogamizi z'ufata ijambo.

Iyo umunyamuryango abihisemo, ashobora gusubiza imbogamizi z'afata ijambo mu gihe cya raporo z'abagize akanama muri icyo gihe raporo z'abagize akanama ziza ku murongo w'ibyigwa mu nama.

Ibigomba kuranga Ufata ijambo

Abafata ijambo berekeza ibitekerezo byabo ku kanama aho kuba ku bakozi b'ifasi y'amashuri cyangwa abandi bari mu nama. Afata ijambo ntibitega ko abagize akanama basubiza ibibazo mu gihe batanga igitekerezo mu ruhame. Ibibazo bigezwa ku muyobozi mukuru w'ifasi y'amashuri, cyangwa umuhagarariye/abamuhagarariye, kugira ngo bisuzumwe, byigweho binashakirwe igisubizo. Iyo bishoboka, akanama gashobora gusaba ko ikibazo cyaganirwaho mu nama y'Akanama gashinzwe Uburezi itaha.

Abantu ku giti cyabo bari imbere y'akanama bagomba kubahiriza amabwiriza akurikira:

- Kwiyandikisha ngo uzitabire mu bafata ijambo mu ruhame mbere y'uko inama y'Akanama gashinzwe Uburezi itangira no gusobanukirwa ko ishema ryo guhabwa umwanya wo gufata ijambo bitangwa hashingiwe ku waje mbere
- Iyo ufata ijambo ashatse gusangiza inyandiko abagize akanama, ufata ijambo aha umukozi w'ifasi y'amashuri ushinzwe kwiyandikisha kw'inteko y'abaturage kopi icyenda (9) z'inyandiko mu gihe ufata ijambo yiyandikishiriza kuzahabwa umwanya wo kuvuga

- Kuvugisha akanama gusa igihe gikwiye nk'uko byerekanywe ku murongo w'ibyigwa ndetse n'igihe azwi na perezida w'akanama cyangwa umuyobozi w'inama
- Gukoresha udupapuro twamamaza, ibyapa binini cyangwa ibindi bintu bishobora kwemerwa muri rusange. Nyamara, iyo bene ibyo bintu, mu bubasha bwa perezida w'akanama cyangwa umuyobozi w'akanama, bibangamiye imigendekereye y'inama, biteje impungenge z'umutekano mushya, cyangwa bibangamiye abandi bari mu nama ku buryo batabasha kubona ibiri mu nama cyangwa kamera zikoreshwa mu kunyuza kuri enterineti uko mu nama biri kugenda, perezida w'akanama cyangwa umuyobozi w'inama ashobora gusaba abafata ijambo n'abari mu nama kureka kubikoresha
- Kwivuga ndetse no kuvuga mu gihe cyagenywe kuri buri muntu uvuga
- Kwita no gukurikiza icyemezo cya perezida w'akanama cyangwa umuyobozi w'inama gisaba kuvuga mu nshamake igitekerezo mu rwego rwo gukoresha igihe neza no guha umubare ntarengwa w'abantu amahirwe yo gufata ijambo
- Kwitwara ku buryo wumva ko bikureba, nk'umunyagihugu hamwe no kubaha ku buryo bukwiye. Imyitwarire y'abafata ijambo ntigomba kuba itandukanye n'iyitegwa ku bashyitsi b'ikigo cy'amashuri cya APS cyavuzwe hano hasi:
    - Nta muntu ukora kimwe mu bikorwa ibyo ari byo byose bikurikira ku nyubako y'ikigo cy'amashuri cyangwa ku munsi mukuru w'ikigo cy'amashuri:
        - Kubangamira imigendekere myiza y'imyigire ku banyeshuri n'abakozi
        - Kurwanya, gukomeretsa, gutera ubwoba, gushyira ku nkenke cyangwa guhabura umunyeshuri, umunyamuryango w'akanama, cyangwa undi mushyitsi wese usura inyubako y'ikigo cy'amashuri
        - Kwitwara ku buryo buhabanye n'ubwa siporo cyangwa gukoresha ururimi rubi cyangwa rwo gutukana
        - Keretse iyo byemewe ku buryo bwihariye n'amategeko ya leta, gutunga intwaro, ikintu icyo ari cyo cyose gishobora ku buryo bwumvikana gufatwa nk'intwaro cyangwa kimeze nk'intwaro cyangwa ikindi gikoresho cyahitana ubuzima
        - Kwangiza cyangwa gukangisha kwangiza umutungo w'undi muntu
        - Kwangiza cyangwa guhindanya isura y'umutungo w'ishuri
- Kubaha impamvu ibyiyumviro n'ibitekerezo by'abafata ijambo bishobora kudasangizwa abahari bose.
- Kureba ko abafata ijambo badatanga ibitekerezo by'ibyo batishimiye bitajyanye n'akazi birega umuyobozi mukuru w'ifasi cyangwa abagize akanama biterekeye ibiro byabo cyangwa utuzi
- Akanama gashinzwe Uburezi gashishikariza abafata ijambo kwibanda ku nsanganyamatsiko ziteje ibibazo, aho kuba abantu bumva ko babishinzwe. Muri buri nama Isanzwe y'Akanama gashinzwe Uburezi, Akanama kayobora ufata ijambo ku mukozi w'ifasi y'amashuri ushobora kumva ikibazo cy'ibyo atishimiye byihariye bijyanye n'umukozi bishyikirizwa umuyobozi mukuru w'ifasi y'amashuri, cyangwa uwo yabihereye inshingano, kugira ngo abisuzume, abyigeho kandi abishakire igisubizo

Abafata ijambo gusa bemera kandi bakubahiriza amategeko ateganya ibigenga ufata ijambo nibo bemererwa kuvuga mu gihe cy'ibitekerezo mu byo ruhame bigezwa ku Kanama gashinzwe Uburezi. Hatangwa ifishi yo gushyirwaho umukono no kwemera amategeko ageteganya ibiranga ufata ijambo. Iyo fishi isobanura ibyo bisabwa. Abantu ku giti cyabo banga gushyira umukono ku ifishi yatanzwe yo kubyemera cyangwa kuzuza amakuru asabwa babuzwa gufata ijambo mu gihe cy'ibitekerezo bitangirwa mu ruhame

Ibiranga abari mu nama

Abari mu nama bitwara mu buryo n'ubwasobanuwe hejuru ku bantu bafata ijambo. Abantu bari mu nama ntibagomba kubangamira inama idaheza y'Akanama gashinzwe Uburezi kandi ntibagomba gukangurira abandi kubikora. Ni ukuvuga, imvugo mbi cyangwa itarimo kubaha igaragaza kwemera cyangwa kutemeranywa n'abari mu nama izafatwa nk'idakwiye kandi ikorerwa ubugenzuzi na perezida w'akanama cyangwa umuyobozi w'inama.

Abari mu nama bose baguma bicaye cyeretse byemewe na perezida w'akanama cyangw uyoboye inama.

Ibiranga itangazamakuru

Abanyamakuru bose bahawe ikaze mu nama yo mu ruhame y'Akanama k'Uburezi. Abanyamakuru n'ibikoresho by'itangazamakuru bikenerwa mu nama ifatirwamo videwo n'amafoto mu gice cyagenewe itangazamakuru mu cyumba inama y'Akanama gashinzwe Uburezi iri kuberamo. Abahagarariye ibitangazamakuru bakorana n'abakozi b'ifasi y'amashuri ku bijyanye n'aho gushyira ibyo bikoresho, ibisabwa bijyanye n'amafoto na videwo cyangwa ibigomba kuvanwa mu nama.

Ishyirwa mu bikorwa by'Ibigomba kuranga abantu bikwiye

Perezida w'akanama cyangwa umuyobozi w'inama afite inshingano zo kureba ubwitabire bw'abaturage n'ibitekerezo byayo bifasha akanama mu gukora inshingano zako kandi ko biba hashingiwe ku mabwiriza ngengamikorere. Ni ukuvuga, perezida w'akanam cyangwa umuyobozi w'inama yemerewe gushyira mu bikorwa aya mabwiriza ngengamikorere:

- Arogoya ibiganiro bitangwa ndetse b'ibitekerezo mu rwego rwo kwibutsa abafata ijambo n'abari mu nama iby'aya mabwiriza ngengamikorere
- Kuvanaho cyangwa guhagarika igihe cy'ufata ijambo wari uzwi wanyuranyije n'amabwiriza y'aya mabwiriza ngengamikorere
- Gusaba abafata ijambo cyangwa abari mu nama kuva mu nama igihe banyuranyije n'amabwiriza ngengamikorere mu buryo bubangamira ibikorwa by'akanam
- Gushyira inama mu muhezo cyangwa kuyisubika bitewe n'imyitwarire y'ufata ijambo cyangwa abari mu nama banyuranyije n'amabwiriza ngengamikorere
- Gusaba ubufasha bw'abashinzwe iyubahirizwa ry'umutekano kuza gufasha mu gusohora abafata ijambo cyangwa abari mu nama banze gusoka mu nama igihe babisabwe
- Abantu ku giti cyabo banyuranya n'aya mabwiriza ngengamikorere bashobora kuregwa ibyaha bihanirwa n'amategeko kandi bashobora guhagarikwa kwitabira inama zitaha
- Guta muri yombi cyangwa gutanga ibirego bihanirwa n'amategeko ku muntu ufata ijambo cyangwa uri mu nama wanyuranyije n'aya mabwiriza hashingiwe kuri §30-13-1 NMSA 1978
    - §30-13-1 NMSA 1978 ivuga ko ari icyaha gito "kurogoya inama iyo ari yo yose y'abantu bateranye ku mpamvu yemewe n'amategeko" ari icyaha gito

Itangwa ry'igitekerezo mu ruhame mu Nama z'Akanama k'Uburezi zo mu Buryo bw'Ikoranabuhanga

Mu gihe byihutirwa cyane, Akanama gashinzwe uburezi gashobora gusaba igabanywa, ivanwaho na/cyangwa ihuzwa ry'akanama n'inama za komite. Mu bihe byihutirwa, ibiri kuri gahunda y'ibyigwa biba gusa ibifatwa nk'ibyihutirwa cyangwa ibikeneye gufatirwa ibyemezo kugira ngo ibikorwa by'ifasi bikorwe/bikomeze. Mu bihe byihutirwa, Akanama gashinzwe Uburezi

gashobora kuhindukira kagakora inama mu buryo bw'ikoranabuhanga. Abaturage bashobora gukomeza bitabira amahuriro rusange yo mu buryo bw'ikoranabuhanga.

Abafata ijambo mu mahuriro rusange batanga ubusabe bwo kuzafata ijambo mu nama z'Akanama gashinzwe Uburezi buzuza ifishi yo mu buryo bw'ikoranabuhanga. Abafata ijambo bose bagomba kubanza kwiyandikisha mbere y'itangira ry'inama. Kwiyandikisha kugira ngo uzitabire ihuriro rusange bitangira saa 8:00 za mugitondo ku munsi w'inama n'isaha yegereye itangira ry'inama y'Akanama. Abafata ijambo bose bagomba gutumirwa bakaza bitwaje ibibaranga kandi bagomba kubahiriza ibibujijwe bijyanye n'igihe ndetse n'ibigomba kubaranga byavujwe hejuru.

Andi mahirwe yo gutanga Igitekerezo mu ruhame

Igitekerezo gitanzwe mu rume mu nama y'Akanama gashinzwe Uburezi ntikigomba kuba ariyo mahirwe yonyine y'abaturage yo guha Akamana gashinzwe Uburezi igitekerezo. Akanama gashobora guhabwa igitekerezo gitangirwa mu ruhame binyuze mu ibaruwa yanditse mu butumwa bwa imeyili no guhamagara kuri telefoni. Ibiro bya Serivisi z'Akanama gashinzwe Uburezi bifite inshingano zo gutangaza ahantu hose abaturage bashobora kugereza ibitekerezo ku kanama. Uburyo bwo kuvugana n'abagize akanama butangwa igihe ubisabye kandi no mur buri nama Isanzwe y'Akanama gashinzwe Uburezi.

Inyandiko zo gusaba n'amabaruwa yanditse cyangwa yo mu byuryo bw'ikoranabuhanga yandikirwa akanama ashyikirizwa abagize akanama bose. Ibiro bya Serivisi z'Akanama gashinzwe Uburezi ntibisabwa guha abagize akanama amakuru asabwa yakiriwe ntawe uvuzwe izina. Ibiro bya Serivisi z'Akanama gashinzwe Uburezi bishobora gushyira mu nshamake amakuru, amabaruwa n'ibitekerezo byakiriwe mbere yo guha abagize akanama ayo makuru.

Ibigo by'amashuri ya Leta bya Albuquerque bifite uburenganzira bwo gushyira mu nshamake igitekerezo cyatanzwe mu ruhame mu myanzuro y'inama y'Akanama gashinzwe Uburezi.

Umwanya w'ubuyobozi: Umuyobozi Mukuru w'Ibiro bya Serivisi z'Akanama gashinzwe Uburezi

Umuyobozi w'Ishami: Inzobere mu Biro bya Serivisi z'Akanama gashinzwe Uburezi

Ibyifashishijwe:

Ibyifashishijwe bijyanye n'amategeko bitandukanye: *Sandefur v. Vill. of Hanover Park, Ill.,* 862 F. Supp. 2d 840 at 846 (N.D. Ill. 2012)
Ward v. Rock Against Racism, 491 U.S. at 781
Collinson v. Gott, 895 F.2d 994, 1000 (4th Cir.1990)
§30-13-1 NMSA 1978

Ibyifashishijwe bijyanye n'Amabwiriza y'akanama: BE Board of Education Meetings

Ibyifashishijwe bijyanye n'Amabwiriza ngengamikorere atangukanye:

Amafishi: Public Forum Sign In

NSBA/NEPN Classification: BEDH

Byatangiye: Ku wa 11 Kamena 2014
Yavuguruwe: Ku wa 23 Nyakanga 2014
Yavuguruwe: Ku wa 28 Kanama 2014
Yavuguruwe: Ku wa 12 Nzeli 2018
Yavuguruwe: Ku wa 19 Nzeli 2018
Yavuguruwe: Ku wa 15 Mata 2020
Yavuguruwe: Ku wa 15 Mata 2020
Yavuguruwe: Ku wa 20 Mata 2022
Yavuguruwe: Ku wa 20 Mata 2022